

|                                                                                       |                                                                                    |                                                                              |
|---------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------|
| <b>ITEGEKO N° 11/2009 RYO KUWA 14/05/2009 RYEREKEYE UBUGWATE KU MUTUNGO WIMUKANWA</b> | <b>LAW N° 11/2009 OF 14/05/2009 ON SECURITY INTERESTS IN MOVABLE PROPERTY</b>      | <b>LOI N° 11/2009 DU 14/05/2009 RELATIVE AUX SURETES MOBILIERES</b>          |
| <b><u>ISHAKIRO</u></b>                                                                | <b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b>                                                    | <b><u>ABLE DES MATIERES</u></b>                                              |
| <b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b>                                        | <b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b>                                      | <b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u></b>                       |
| <b><u>Ingingo ya mbere: Icyo itegeko rigamije</u></b>                                 | <b><u>Article One: Purpose of this Law</u></b>                                     | <b><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></b>                      |
| <b><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></b>                                   | <b><u>Article 2: Definitions</u></b>                                               | <b><u>Article 2 : Définitions</u></b>                                        |
| <b><u>UMUTWE WA II: AMAHAME YEREKERANYE N'ISHYIRWA MU BIKORWA BY'INGWATE</u></b>      | <b><u>CHAPTER II: PRINCIPLES RELATING TO ENFORCEMENT OF SECURITY INTERESTS</u></b> | <b><u>CHAPITRE II: PRINCIPES RELATIFS A L'EXECUTION DES SURETES</u></b>      |
| <b><u>Ingingo ya 3 : Ishyirwaho ry'ingwate</u></b>                                    | <b><u>Article 3: Creation of security interests</u></b>                            | <b><u>Article 3: Constitution d'une sûreté</u></b>                           |
| <b><u>Ingingo ya 4: Ihabwagaciro ry'ubugwate</u></b>                                  | <b><u>Article 4: Effectiveness of security interest</u></b>                        | <b><u>Article 4 : Validité de la sûreté</u></b>                              |
| <b><u>Ingingo ya 5 : Ibikubiye mu masezerano y'ubugwate</u></b>                       | <b><u>Article 5: Content of the security interest agreement.</u></b>               | <b><u>Article 5: Contenu d'un contrat de garantie</u></b>                    |
| <b><u>UMUTWE WA III: UBWOKO BW'UMUTUNGO WIMUKANWA USHOBORA GUTANGWAHO INGWATE</u></b> | <b><u>CHAPTER III: KINDS OF MOVABLES SUBJECT TO SECURITY INTERESTS</u></b>         | <b><u>CHAPITRE III : SORTES DE BIENS MEUBLES SUSCEPTIBLES DE SURETES</u></b> |
| <b><u>Ingingo ya 6: Ubwoko bw'umutungo wimukanwa</u></b>                              | <b><u>Article 6: Kinds of movable property</u></b>                                 | <b><u>Article 6 : Sortes de biens meubles</u></b>                            |

|                                                                                          |                                                                               |                                                                                 |
|------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------|
| <b><u>Ingingo ya 7:</u></b> Umutungo wimukanwa mu gihe cy'ikorwa ry'amasezerano          | <b><u>Article 7:</u></b> Movable property at the time of signing the contract | <b><u>Article 7:</u></b> Biens meubles au moment de la conclusion du contrat    |
| <b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Umutungo uteganyijwe kuboneka nyuma y'ikorwa ry'amasezerano  | <b><u>Article 8:</u></b> After-acquired property                              | <b><u>Article 8:</u></b> Biens acquis ultérieurement à la conclusion du contrat |
| <b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Ibikomoka ku ngwate yatanzwe igihe cy'ikorwa ry'amasezerano. | <b><u>Article 9:</u></b> Proceeds from the collateral                         | <b><u>Article 9:</u></b> Produits du bien grevé de sûreté                       |
| <b><u>UMUTWE WA IV:</u></b> UKO UBUGWATE BURUTANWA                                       | <b><u>CHAPTER IV:</u></b> PRIORITY BETWEEN SECURITY INTERESTS                 | <b><u>CHAPITRE IV:</u></b> ORDRE DE PRIORITE DES SURETES                        |
| <b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Kubona ubugwate                                             | <b><u>Article 10:</u></b> Acquisition security interest                       | <b><u>Article 10:</u></b> Acquisition de sûreté                                 |
| <b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Isumbana ry'ubugwate                                        | <b><u>Article 11:</u></b> Priority order of security interests                | <b><u>Article 11:</u></b> Ordre de priorité des sûretés                         |
| <b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Ihererekanywa ry'ingwate                                    | <b><u>Article 12:</u></b> Transfer of collateral                              | <b><u>Article 12:</u></b> Cession du bien grevé de sûreté                       |
| <b><u>Ingingo ya 13 :</u></b> Ubundi burenganzira ku mutungo ugwatirijwe                 | <b><u>Article 13:</u></b> Other rights in collateral                          | <b><u>Article 13:</u></b> Autres droits sur le bien grevé de sûreté             |
| <b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Kutabangamirana mu igwatiriza                               | <b><u>Article 14:</u></b> Protection of rights in taking collateral           | <b><u>Article 14:</u></b> Protection des droits en cas de de prise de sûreté    |
| <b><u>UMUTWE WA V:</u></b> KWISHYUZA                                                     | <b><u>CHAPTER V:</u></b> ENFORCEMENT OF SECURITY INTERESTS                    | <b><u>CHAPITRE V:</u></b> REALISATION DES SURETES                               |
| <b><u>Ingingo ya 15 :</u></b> Iyishyura mu igurishwa ry'ingwate                          | <b><u>Article 15:</u></b> Sale of the collateral                              | <b><u>Article 15:</u></b> Réalisation de la sûreté                              |

|                                                                                          |                                                                                             |                                                                                   |
|------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------|
| <b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Uburenganzira bw'uberewemo umwenda ku ngwate                | <b><u>Article 16:</u></b> Right of secured creditor to apply collateral                     | <b><u>Article 16 :</u></b> Droit du créancier garanti sur le bien grevé de sûreté |
| <b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Igurisha ry'ingwate                                         | <b><u>Article 17:</u></b> Sale of collateral                                                | <b><u>Article 17:</u></b> Mise en vente du bien grevé de sûreté.                  |
| <b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Uburenganzira bwo kongera kugura ingwate                    | <b><u>Article 18:</u></b> Rights to redeem collateral                                       | <b><u>Article 18:</u></b> Droits de rachat du bien grevé de sûreté                |
| <b><u>Ingingo ya 19 :</u></b> Gusubira mu masezerano y'ubugwate                          | <b><u>Article 19:</u></b> Reinstatement of security agreement                               | <b><u>Article 19:</u></b> Révision du contrat de garantie                         |
| <b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Kuregera urukiko                                            | <b><u>Article 20:</u></b> Suing in court                                                    | <b><u>Article 20:</u></b> Saisine de la juridiction                               |
| <b><u>Ingingo ya 21 :</u></b> Umwanditsi Mukuru ushinze iby'ingwate ku mutungo wimukanwa | <b><u>Article 21:</u></b> Registrar General of security interests in movable property       | <b><u>Article 21:</u></b> Registraire Général des sûretés mobilières              |
| <b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Igita cy'ingwate ku mutungo wimukanwa                       | <b><u>Article 22:</u></b> Register of security interests in movable property                | <b><u>Article 22:</u></b> Registre des sûretés mobilières                         |
| <b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Ibikubiye mu gitabo cy'ingwate ku mutungo wimukanwa         | <b><u>Article 23:</u></b> Content of the Register of Security Interests in Movable Property | <b><u>Article 23:</u></b> Contenu du Registre des sûretés mobilières              |
| <b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Kwandikisha ubugwate                                        | <b><u>Article 24:</u></b> Registration of the security interest                             | <b><u>Article 24 :</u></b> Enregistrement de la sûreté                            |
| <b><u>Ingingo ya 25:</u></b> Igihe iyandikisha rimara                                    | <b><u>Article 25:</u></b> Duration of registration                                          | <b><u>Article 25 :</u></b> Durée de l'enregistrement                              |
| <b><u>Ingingo ya 26:</u></b> Ihererekanya ry'ingwate                                     | <b><u>Article 26:</u></b> Transfer of security interest                                     | <b><u>Article 26:</u></b> Cession de sûreté                                       |
| <b><u>Ingingo ya 27:</u></b> Isubizwaho ry'iyandikisha                                   | <b><u>Article 27:</u></b> Restoration of registration                                       | <b><u>Article 27:</u></b> Rétablissement d'enregistrement                         |

**Ingingo ya 28:** Gukura mu gitabo ibyanditse no gukosora amakosa cyangwa ibyibagiranye

**Article 28:** Removal of data from register and correction of errors and omissions

**Article 28 :** Radiation de données du registre et correction d'erreurs et omissions

**Ingingo ya 29:** Gusoma ibyanditse mu gitabo cyagenewe iyandikwa ry'ubugwate

**Article 29:** Searches of register

**Article 29:** Consultation de registre

**Ingingo ya 30 :** Ibigomba kuba bigamijwe n'usaba gusoma igitabo cyandikwamo ubugwate

**Article 30:** Purpose of the person requesting search of the register.

**Article 30:** Objectifs de la personne demandant la consultation du registre des sûretés

**UMUTWE WA VI:** INDISHYI Z'AKABABARO, GUTANGA AMAKURU, IMENYESHA N'AMABWIRIZA

**CHAPTER VI:** DAMAGES, INFORMATION, NOTICES, REGULATIONS

**CHAPITRE VI:** DOMMAGES ET INTERETS, INFORMATION, AVIS ET REGLEMENTS

**Ingingo ya 31:** Ibyerekeye indishyi z'akababaro

**Article 31:** Damages

**Article 31:** Dommages et intérêts

**Ingingo ya 32:** Amabwiriza

**Article 32:** Regulations

**Article 32:** Règlements

**UMUTWE WA VII:** INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA

**CHAPTER VII:** MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

**CHAPITRE VII:** DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES

**Ingingo ya 33:** Igihe cy'inzibacyuho

**Article 33:** Transitional period

**Article 33:** Période transitoire

**Ingingo ya 34:** Itegurwa n'isuzumwa ry'iri tegeko

**Article 34:** Drafting and consideration of this Law

**Article 34:** Elaboration et examen de la présente loi

**Ingingo ya 35:** Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko

**Article 35:** Repealing of inconsistent provisions

**Article 35 :** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 36:** Igihe itegeko ritangirira gukurikizwa

**Article 36:** Commencement

**Article 36:** Entrée en vigueur

|                                                                                               |                                                                                       |                                                                             |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------|
| <b>ITEGEKO N° 11/2009 RYO KUWA<br/>14/05/2009 RYEREKEYE UBUGWATE<br/>KU MUTUNGO WIMUKANWA</b> | <b>LAW N° 11/2009 OF 14/05/2009 ON<br/>SECURITY INTERESTS IN<br/>MOVABLE PROPERTY</b> | <b>LOI N° 11/2009 DU 14/05/2009<br/>RELATIVE AUX SURETES<br/>MOBILIERES</b> |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------|

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO  
YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,  
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE  
RITYA KANDI DUTEGETSE KO  
RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA  
YA REPUBULIKA Y’U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED  
AND WE SANCTION,  
PROMULGATE THE FOLLOWING  
LAW AND ORDER IT BE  
PUBLISHED IN THE OFFICIAL  
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF  
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET  
NOUS SANCTIONNONS,  
PROMULGUONS LA LOI DONT LA  
TENEUR SUIT ET ORDONNONS  
QU’ELLE SOIT PUBLIEE AU  
JOURNAL OFFICIEL DE LA  
REPUBLIQUE DU RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT:**

Umutwe w’Abadepite mu nama yawo yo  
kuwa 24 Mata 2009;

The Chamber of Deputies, in its session of  
24 April 2009;

La Chambre des Députés, en sa séance du  
24 avril 2009;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya  
Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 04  
Kamena 2003 nk’uko ryavuguruwe kugeza  
ubu, cyane mu ngingo zaryo; iya 29, iya 62,  
iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94,  
iya 108 n’iya 201.

Pursuant to the Constitution of the  
Republic of Rwanda of June 4, 2003 as  
amended to date, especially in Articles 29,  
62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108 and 201;

Vu la Constitution de la République du  
Rwanda du 4 Juin 2003, telle que révisée  
à ce jour, spécialement en ses articles 29,  
62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108 et 201;

Isubiye ku Itegeko ryo ku wa 12 Mutarama  
1920 ryerekeye ubugwate ku bicuruzwa no  
ku nyandiko nyemezabuguzi;

Having reviewed the Decree of  
12/01/1920 on security interests in  
business and commercial invoices;

Revu le Décret du 12/01/1920 relatif au  
gage du fonds de commerce, de  
l’escompte et gage de la facture  
commerciale;

|                                                                                  |                                                                                            |                                                                                       |
|----------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------|
| Isubiye ku Itegeko ryo kuwa 28 Nyakanga 1934 ryerekeye inyandiko mvunjwafaranga; | Having reviewed the Decree of 28/07/1934 on bill of exchange, promissory note and protest; | Revu le Décret du 28/07/1934 relatif à la lettre de change, billet à ordre et protêt; |
|----------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------|

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOpte:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER:  
DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: icyo itegeko rigamije**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article premier: Objet de la présente loi**

Iri tegeko rigenga ibyerekeranye n’ubugwate ku mutungo wimukanwa.

This Law governs security interests in Movable Property.

La présente loi régit les sûretés mobilières.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by’amagambo**

**Article 2: Definitions**

**Article 2 : Définitions**

Uretse igihe byaba biteganywa ukundi, muri iri tegeko amagambo akurikira asobanura:

In this Law, unless the context otherwise requires, the following terms shall mean:

Dans la présente loi, à moins que le contexte n’en dispose autrement, les termes suivants signifient:

**1°“ibiyongereye ku mutungo”:** ibintu byiyongereye mu mutungo cyangwa byashyizwe ku mutungo;

**1° “accessions”:** goods that are installed in, or affixed to, other goods;

**1° “accessions”:** biens incorporés ou fixés à d’autres biens;

**2°“inyandiko igaragaza uburenganzira bwo kwishyurwa”:** inyandiko imwe cyangwa nyinshi zerekana ko umuntu afitiye undi umwenda w’amafaranga, ingwate cyangwa amufitiye ubukode bw’ibintu bye ku mutungo cyangwa ku wiyongeraho;

**2° “chattel paper”:** one or more writings that evidence both a monetary obligation and a security interest in, or lease of, specific goods or specific goods and accessions;

**2° “acte mobilier” :** un ou plusieurs écrits constatant à la fois l’existence d’une obligation pécuniaire sur des biens déterminés ou d’une sûreté sur ces biens, ou sur ces biens et leurs accessions;

|                                                                                                                                                                                                                |                                                                                                                                                                                  |                                                                                                                                                                                                  |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <b>3° “ingwate”:</b> umutungo w’umuntu bwite ukorehwa mu bugwate;                                                                                                                                              | <b>3° “collateral”:</b> personal property that is subject to a security interest;                                                                                                | <b>3° “bien grevé” :</b> bien personnel meuble grevé d’une sûreté;                                                                                                                               |
| <b>4° “urukiko”:</b> urukiko rubifitiye ububasha;                                                                                                                                                              | <b>4° “court”:</b> court of competent jurisdiction;                                                                                                                              | <b>4° “juridiction”:</b> la juridiction compétente;                                                                                                                                              |
| <b>5° “ugomba kwishyura”:</b> umuntu wagurijwe ugomba kwishyura cyangwa kurangiza inshingano zatumye atanga ingwate;                                                                                           | <b>5° “debtor”:</b> person who owes payment or performance of an obligation secured;                                                                                             | <b>5° “débiteur”:</b> personne qui a contracté un crédit et qui doit rembourser ou tenue à l’exécution d’une obligation garantie;                                                                |
| <b>6° “inyandiko igaragaza ko umuntu afite uburenganzira ku mutungo”:</b> inyandiko yatanze cyangwa yahawe uwabikije ibintu;                                                                                   | <b>6° “document of title”:</b> writing issued by or addressed to a bailee;                                                                                                       | <b>6° “acte-titre”:</b> écrit émis ou remis au dépositaire;                                                                                                                                      |
| <b>7° umutungo wimukanwa”:</b> umutungo w’umuntu bwite utandukanye ugizwe n’umutungo ufatika cyangwa udafatika. Mu mutungo ufatika harimo ibisarurwa, amatungo, ibiti bisarurwa n’ibindi bikoreshe byimukanwa. | <b>7° “movable property”:</b> various personal property either tangible or intangible. Tangible property includes crops, animals, trees to be harvested and other movable goods. | <b>7° “biens meubles”:</b> différents types de biens meubles corporels ou incorporels. Les biens corporels comprennent des récoltes, des animaux, des arbres à récolter et autres biens meubles; |
| Mu mutungo udafatika harimo inyandiko z’imitungo yimukanwa, inyandiko yerekana ko umuntu afite uburenganzira ku mutungo, impapuro zivunjwamo amafaranga, ingwate ku ishoramari cyangwa amafaranga;             | Intangible property includes chattel paper, documents of title, negotiable instruments, investment securities or money;                                                          | Les biens incorporels comprennent les titres de propriété mobilière, des titres, des titres négociables, les valeurs de placement ou de l’argent;                                                |
| <b>8° umutungo uri mu bubiko”:</b> umutungo ubitswe n’umuntu kugira ngo ugurishwe cyangwa ukodeshwe;                                                                                                           | <b>8° “inventory”:</b> goods that are held by a person for sale or lease;                                                                                                        | <b>8° “stock”:</b> ensemble de biens qui sont détenus par une personne pour la vente ou la location ;                                                                                            |
| <b>9° “amafaranga”:</b> amafaranga yose                                                                                                                                                                        | <b>9° “money”:</b> Rwandan currency or any                                                                                                                                       | <b>9° “argent”:</b> toute monnaie, rwandaise ou                                                                                                                                                  |

|                                                                                                                                                                                                                                                    |                                                                                                                                                                                                          |                                                                                                                                                                                                               |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| akoreshe mu bwishyu yemewe mu Rwanda yaba ay'u Rwanda cyangwa ay'ibindi bihugu;                                                                                                                                                                    | foreign currency authorized as a legal tender by the law of Rwanda;                                                                                                                                      | étrangère, acceptée comme moyen de paiement au Rwanda;                                                                                                                                                        |
| <b>10° “inyandiko zivunjwamo amafaranga”:</b> inyandiko mpeshabwishyu cyangwa urwandiko mvunjwafaranga;                                                                                                                                            | <b>10° “negotiable instruments”:</b> a bill of exchange or promissory note;                                                                                                                              | <b>10° “titres négociables”:</b> une lettre de change ou un billet à ordre ;                                                                                                                                  |
| <b>11°“imenyekanisha” :</b> ibisobanuro bisabwa cyangwa byemewe n'iri tegeko cyangwa amabwiriza bigomba gushyirwa mu gitabo kugira ngo hakorwe iyandikwa rigamije kwemeza ingwate yafashwe ku kintu kiri mu bugwate;                               | <b>11°“notice”:</b> data required or recognized by this Law or regulations to be entered in the Register for the registration of the security interest in the collateral;                                | <b>11°“avis”:</b> données requises ou reconnues par la présente loi ou règlements qui doivent être introduites au registre pour l'enregistrement de la sûreté sur un bien grevé de sûreté ;                   |
| <b>12°“ubugwate bwanditswe”</b> ubugwate bwashyizweho, kandi amakuru yose abwerekeye yanditswe mu bitabo by'Umwanditsi Mukuru;                                                                                                                     | <b>12° “registered security interest”:</b> security interest which has been created and all data thereto related have been entered in the register of the Registrar General;                             | <b>12° “ sûreté enregistrée”:</b> sûreté qui a été créée et toutes les données y relatives sont inscrites au registre du Registraire Général;                                                                 |
| <b>13° “ibikomoka ku bicuruzwa”:</b> umutungo wimukanwa kandi ukomoka mu buryo buziguye cyangwa butaziguye ku <b>bucuruzi</b> bukoze ku mutungo watanze ingwate cyangwa ku bikomoka kuri uwo mutungo, kandi urimo umwenda akaba awubonamo inyungu. | <b>13° “proceeds”:</b> identifiable personal property that is derived directly or indirectly from a dealing with collateral or the proceeds of collateral; and in which the debtor acquires an interest. | <b>13°“produit” :</b> bien meuble susceptible d'être reconnu provenant directement ou indirectement d'une opération relative à un bien grevé ou à son produit et dans lequel le débiteur acquiert un intérêt. |
| <b>14° “igitabo”:</b> igitabo cyandikwamo ibyerekeye ubugwate gicungwa n'ibiro by'Umwanditsi Mukuru;                                                                                                                                               | <b>14° “register”:</b> register maintained by the Office of the Registrar General in which all data on security interests are recorded;                                                                  | <b>14° “registre”:</b> registre tenu par l'Office du Registraire Général où sont enregistrées toutes les données relatives aux sûretés ;                                                                      |

**15° “uberewemo umwenda”:** umuntu wahawe ingwate kubera amasezerano yagiranye n’undi muntu umubereyemo umwenda;

**16° “amasezerano y’ubugwate”:** amasezerano ashiraho cyangwa ateganya ingwate, kandi akubiyemo inyandiko igaragaza ikimenyetso cy’ingwate;

**17° “ubugwate”:** uburenganzira ku kintu bwite cy’umuntu buturutse ku gikorwa cy’ubucuruzi cyemeza ko hazaba ubwishyu cyangwa irangiza ry’inshingano hatitawe ku miterere y’icyo gikorwa cyangwa ku biranga umuntu ufite uburenganzira kuri iyo ngwate.

## **UMUTWE WA II: AMAHAME YEREKERANYE N’ISHYIRWA MU BIKORWA BY’INGWATE**

### **Ingingo ya 3 : Ishyirwaho ry’ingwate**

Ubugwate bubaho iyo habayeho amasezerano yo gutanga ikintu ho ingwate hagati y’uberewemo umwenda n’uwurimo, uberewemo umwenda akagiha agaciro kandi urimo umwenda agakomeza kukigiraho

**15° “creditor”:** person who holds a security interest under an agreement concluded with his/her debtor;

**16° “security agreement”:** agreement that creates or provides for a security interest and includes a writing that evidences a security agreement;

**17° “security interest”:** interest in personal property created or provided for by a transaction that in substance secures payment or performance of an obligation, without regard to the form of the transaction; and without regard to the identity of the person who has title to the collateral.

## **CHAPTER II: PRINCIPLES RELATING TO ENFORCEMENT OF SECURITY INTERESTS**

### **Article 3: Creation of security interests**

A security interest is created in collateral when a security agreement exists between the creditor and the debtor, value is given by the secured party; and the debtor has rights in the collateral.

**15° “créancier”:** personne qui détient une sûreté selon un accord conclu avec son débiteur;

**16° “contrat de garantie”:** convention qui constitue une sûreté ou qui la prévoit; y compris tout écrit prouvant l’existence d’un contrat de garantie;

**17° “sûreté”:** intérêt sur un bien meuble créé ou procuré par une transaction qui assure le paiement ou l’exécution d’une obligation, sans égard à la forme de la transaction ni à l’identité de la personne qui a obtenu un droit sur un bien grevé de sûreté.

## **CHAPITRE II: PRINCIPES RELATIFS A L’EXECUTION DES SURETES**

### **Article 3: Constitution d’une sûreté**

Une sûreté est constituée sur un bien lorsqu’il existe un contrat de garantie entre le créancier et le débiteur après que le créancier ait donné une valeur au bien grevé de sûreté et que le débiteur continue

uburenganzira.

de garder ses droits sur ce bien.

**Ingingo ya 4: Ihabwagaciro ry’ubugwate**

**Article 4: Effectiveness of security interest**

**Article 4 : Validité de la sûreté**

Ubugwate bwitwa ko bwahawe agaciro iyo bumaze kwandikishwa ku Mwanditsi Mukuru.

A security interest shall be effective upon its registration by the Registrar General.

Une sûreté est valide après son enregistrement par le Registraire Général.

Ingwate y’ibintu yakozwe hakurikijwe itegeko ry’aho ibintu biri igihe ubugwate bwabaga na mbere y’uko ibintu bizanwa mu Rwanda ikomeza kugira agaciro mu Rwanda mbere yuko biza mu Rwanda kandi igashobora kuba yakwandikishwa igahabwa uberewemo umwenda hakurikijwe iri tegeko.

A security interest in goods that is perfected under the law of the jurisdiction in which the goods are situated when the security interest was created and before the goods are brought into Rwanda continues to be perfected in Rwanda and may be registered in Rwanda for the benefit of the creditor following this Law.

Une sûreté enregistrée sur des biens selon le droit du pays où les biens sont situés au moment de la constitution d’une sûreté avant que les biens ne soient apportés au Rwanda continue d’être valide au Rwanda et peut être enregistrée au Rwanda au profit du créancier en vertu de la présente loi.

Uretse igihe itegeko ribiteganya ukundi, kugira agaciro kw’ubugwate n’inkurikizi zabyo bikorwa hakurikijwe amategeko y’u Rwanda iyo umutungo ufashweho ingwate uri mu Rwanda.

Unless provided by law, the effectiveness of security interest shall follow the law of Rwanda where the property in collateral is situated in Rwanda.

Sauf stipulation contraire de la loi, la validité d’une sûreté et ses effets sont régis par la loi rwandaise quand le bien grevé de sûreté est situé au Rwanda.

**Ingingo ya 5 : Ibikubiye mu masezerano y’ubugwate**

**Article 5: Content of the security interest agreement.**

**Article 5: Contenu d’un contrat de garantie**

Amasezerano y’ubugwate akorwa iyo urimo umwenda asinye ayo masezerano akubiyemo:

A security interest agreement shall be created when the debtor has signed a security interest agreement that contains:

Un contrat de garantie est conclu après que le débiteur ait signé un accord contenant:

1° kwerekana mu buryo burambuye ikintu cyafashweho ingwate ko gishobora

1° an adequate description of the collateral by item or kind that enables the

1° une description appropriée du bien grevé de sûreté permettant son

kumenyekana ;

collateral to be identified;

identification;

2° inyandiko igaragaza umutungo igizwe n'umutungo wagaragajwe n'uzaza wandikishijwe w'ugomba kwishyura.

2° a statement that a security interest is taken in all of the debtor's present and after-acquired property.

2° une déclaration sur le patrimoine indiquant le bien du débiteur présent ou à venir qui est donné en sûreté.

**UMUTWE WA III: UBWOKO BW'UMUTUNGO WIMUKANWA USHOBORA GUTANGWAHO INGWATE**

**CHAPTER III: KINDS OF MOVABLES SUBJECT TO SECURITY INTERESTS**

**CHAPITRE III : SORTES DE BIENS MEUBLES SUSCEPTIBLES DE SURETES**

**Ingingo ya 6: Ubwoko bw'umutungo wimukanwa**

**Article 6: Kinds of movable property**

**Article 6 : Sortes de biens meubles**

Umutungo wimukanwa ushobora gutangwaho ingwate mu masezerano y'ubugwate ugizwe n'ibi bikurikira:

The movable property subject to security interest in an agreement comprises the following:

Les biens meubles susceptibles de contrat de garantie comprennent :

1° umutungo wose w'umuntu bwite wimukanwa afite mu gihe cy'ikorwa ry'amasezerano, harimo amatungo n'ibiyakomokaho, umusaruro ku bihingwa n'indi mitungo yose yimukanwa;

1° all personal movable property present at the contracting time, including the property and its proceeds, animals and derivative products, crops and other movable property;

1° tous les biens meubles d'une personne présents au moment de la conclusion du contrat, y compris les biens et leurs produits, le bétail et ses produits dérivés, les récoltes et autres biens meubles;

2° umutungo wimukanwa wose uteganyijwe kuboneka nyuma y'ikorwa ry'amasezerano y'ubugwate;

2° all after-acquired movable property;

2° tous les biens meubles acquis ultérieurement;

3° ibikomoka ku ngwate yatanze igihe cy'ikorwa ry'amasezerano y'ubugwate;

3° proceeds from the collateral granted in the security interest agreement;

3° produit du bien grevé de sûreté au moment de la conclusion du contrat de garantie ;

4° inyandiko iteganya uburenganzira ku

4° a document evidencing the right to

4° un document prouvant le droit au

bwishyu.

payment.

remboursement.

**Ingingo ya 7: Umutungo wimukanwa mu gihe cy'ikorwa ry'amasezerano**

**Article 7: Movable property at the time of signing the contract**

**Article 7: Biens meubles au moment de la conclusion du contrat**

Umutungo wimukanwa mu gihe cy'ikorwa ry'amasezerano ugizwe n'umutungo wose w'umuntu bwite wimukanwa afite mu gihe cy'ikorwa ry'amasezerano, harimo amatungo n'ibiyakomokaho, umusaruro ku bihingwa byaba bikiri mu murima cyangwa bimaze gusarurwa n'indi mitungo yose yimukanwa;

The movable property at the time of signing a contract includes all personal movable property present at the time of signing a contract including animals and their proceeds, crops while growing and afterwards when cut or separated from the soil and other movable property;

Les biens meubles au moment de la conclusion du contrat comprennent tous les biens meubles personnels présents au moment de la conclusion du contrat, le bétail et ses produits dérivés, les plantes sur pied ainsi qu'après la récolte et autres biens meubles.

Amasezerano y'ubugwate agomba kugaragaza imiterere y'uwo mutungo utanzweho ingwate.

The security interest agreement shall give a full description of the collateral.

Le contrat de garantie doit donner une description complète du bien grevé de sûreté.

**Ingingo ya 8: Umutungo uteganyijwe kuboneka nyuma y'ikorwa ry'amasezerano**

**Article 8: After-acquired property**

**Article 8: Biens acquis ultérieurement à la conclusion du contrat**

Amasezerano y'ubugwate ateganya gutanga ingwate ku mutungo uzaboneka nyuma y'ikorwa ry'amasezerano.

A security agreement shall provide for security interests in after-acquired property

Le contrat de garantie prévoit la sûreté sur des biens à acquérir après sa conclusion.

**Ingingo ya 9: Ibikomoka ku ngwate yatanze igihe cy'ikorwa ry'amasezerano.**

**Article 9: Proceeds from the collateral**

**Article 9: Produits du bien grevé de sûreté**

Amasezerano y'ubugwate ateganya ingwate ubwayo n'ibizakomoka kuri iyo ngwate mu gihe cy'ikorwa ry'amasezerano.

A security interest agreement shall provide for the collateral and its proceeds at the time of signing a contract.

Le contrat de garantie indique le bien grevé de sûreté ainsi que ses produits au moment de la signature du contrat.

Uberewemo umwenda agomba gusubiza uburenganzira ku ngwate n'ibiyikomokaho amaze kwishyurwa.

The creditor shall give back the collateral and its proceeds after payment.

Après désintéressement, le créancier doit restituer le bien grevé de sûreté accompagné de ses produits.

**UMUTWE WA IV: UKO UBUGWATE BURUTANWA**

**CHAPTER IV: PRIORITY BETWEEN SECURITY INTERESTS**

**CHAPITRE IV: ORDRE DE PRIORITE DES SURETES**

**Ingingo ya 10: Kubona ubugwate**

**Article 10: Acquisition security interest**

**Article 10: Acquisition de sûreté**

Byitwa kubona ubugwate iyo hari:

Acquisition security interest occurs in case of:

Il y a acquisition d'une sûreté lorsque:

1° ingwate yatanzwe n'ugura ku buryo ingwate yishingira kwishyura ikiguzi cyose cyangwa igice cyayo cy'ibintu byafashweho ingwate;

1° a security interest is taken in collateral by a buyer to the extent that it secures the obligation to pay all or part of the collateral's purchase price;

1° une sûreté est donnée sur un bien par un acheteur pour garantir l'obligation de payer tout ou partie du prix d'achat du bien grevé de sûreté;

2° ingwate yafatiriwe n'umuntu utanga ikintu cy'igiciro kugira ngo abashe kugira uburenganzira ku bintu byatanzweho ingwate ku buryo icyo kintu cy'igiciro gikoreshwa mu kubona ubwo burenganzira;

2° security interest taken in collateral by a person who gives value for the purpose of enabling him/her to acquire rights in the collateral, to the extent that the value is applied to acquire those rights;

2° une sûreté prise sur un bien par une personne qui procure un objet de valeur dans le but de lui permettre d'acquérir des droits sur le bien grevé de sûreté, dans la mesure où cet objet est utilisé dans le but d'acquérir ces droits;

3° inyungu y'ukodesha mu gihe ubukode bumara igihe kirenze umwaka;

3° the interest of a lessor of goods under a lease for a term of more than one year;

3° l'intérêt d'un bailleur d'un bien lorsque la location dure plus d'un an;

4° inyungu y'uwoherereza ibicuruzwa undi muntu mu gikorwa cyo kohereza ibintu mu rwego rw'ubucuruzi; ariko, ibyo ntibibuza amasezerano y'ubugure cyangwa y'ubukode bikoze n'ugurisha.

4° the interest of a consignor who delivers goods to a consignee under a commercial consignment; but does not exclude a transaction of sale or lease back to the seller.

4° l'intérêt d'un expéditeur qui envoie des biens à un destinataire dans le cadre d'une expédition commerciale; mais n'excluant pas une transaction de vente ou de location en faveur du vendeur.

**Ingingo ya 11: Isumbana ry'ubugwate**

Umutungo wimukanwa ushobora gutangwaho ingwate ku bantu barenze umwe baberewemo umwenda mu gihe kimwe, ariko ubugwate bwabo bwarandikishijwe ku Mwanditsi Mukuru ku matariki atandukanye.

Iyo umutungo watanzweho ingwate zitandukanye uvanzwe, buri bugwate bugumana agaciro kabwo muri ya ngwate ivanze.

Isumbana ry'ubugwate rigenwa n'igihe iyandikishwa ryakorewe mu biro by'Umwanditsi Mukuru.

**Ingingo ya 12: Ihererekanywa ry'ingwate**

Uburenganzira bw'uberewemo umwenda ku ngwate bushobora guhererekanywa ku bwumvikane cyangwa hakurikijwe amategeko.

Ihererekanya ry'ingwate ntiribangamira uburenganzira uberewemo umwenda yari asanganywe.

**Article 11: Priority order of security interests**

A movable property can be given in security interest to more creditors at the same time with different dates of registration at the office of the Registrar General.

A security interest in goods that subsequently become part of a product or mass continues in the comingled product or mass.

The priority order of security interests shall be determined by the order of their registration dates by the Office of the Registrar General.

**Article 12: Transfer of collateral**

The rights of a creditor in collateral may be transferred consensually or by operation of law.

The transfer of collateral shall not prejudice rights of the secured creditor

**Article 11: Ordre de priorité des sûretés**

Un bien meuble peut être grevé de sûreté en faveur de plusieurs créanciers en même temps mais l'enregistrement à l'Office du Registraire Général ayant été effectué à des dates différentes.

Une sûreté sur des biens qui dans la suite sont mélangés en un seul bien continue sur le nouveau bien.

L'ordre de priorité des sûretés sera déterminé selon les dates auxquelles l'enregistrement à l'Office du Registraire Général a été effectué.

**Article 12: Cession du bien grevé de sûreté**

Les droits du créancier sur le bien grevé de sûreté peuvent être cédés par convention ou par effet de la loi.

La cession du bien grevé de sûreté ne doit pas porter préjudice aux droits du créancier garanti.

**Ingingo ya 13 : Ubundi burenganzira ku mutungo ugwatirijwe**

Mu gihe hari imirimo cyangwa igikoresho cyatanze ku kintu cyatanze ingwate, uwatanze serivisi cyangwa icyo gikoresho afite uburenganzira bwo kwishyurwa mbere.

**Ingingo ya 14: Kutabangamirana mu igwatiriza**

Uburenganzira ku mutungo wiyongereye ntibubangamira uburenganzira ku mutungo watanze ingwate.

**UMUTWE WA V: KWISHYUZA**

**Ingingo ya 15 : Iyishyura mu igurishwa ry'ingwate**

Igihe ingwate igurishijwe ngo hishyurwe ubereyemo umwenda, habanza gukurwamo ikiguzi cyo kwita ku ngwate, ubereyemo umwenda akishyurwa, hagira ibisaguka bigasubizwa nyir'ingwate ugomba kwishyura.

**Ingingo ya 16: Uburenganzira bw'ubereyemo umwenda ku ngwate**

Iyo urimo umwenda adafite ubwishyu,

**Article 13: Other rights in collateral**

A lien arising out of materials or services provided in respect of goods that are subject to a security interest in the same goods has priority over that security interest.

**Article 14: Protection of rights in taking collateral**

Rights in accessions shall not prejudice prior security interests in the same goods.

**CHAPTER V: ENFORCEMENT OF SECURITY INTERESTS**

**Article 15: Sale of the collateral**

*In case of sale of the collateral to pay the secured creditor, the first deduction shall be of reasonable maintenance costs of the collateral, followed by the payment of the secured creditor and the balance, if any, shall be given to the debtor.*

**Article 16: Right of secured creditor to apply collateral**

A secured creditor shall be entitled to

**Article 13: Autres droits sur le bien grevé de sûreté**

Lorsqu'il y a des travaux ou du matériel donnés sur un bien grevé de sûreté, celui qui a donné le service ou du matériel a le droit d'être payé le premier.

**Article 14: Protection des droits en cas de de prise de sûreté**

Les droits sur les accessions ne doivent pas porter préjudice aux sûretés sur le bien qui avait antérieurement été donné .

**CHAPITRE V: REALISATION DES SURETES**

**Article 15: Réalisation de la sûreté**

En cas de réalisation de la sûreté pour rembourser le créancier, déduction est faite d'abord des frais occasionés par l'entretien du bien grevé de sûreté ; ensuite le créancier est désintéressé, le surplus, s'il y en a, est remis au débiteur.

**Article 16 : Droit du créancier garanti sur le bien grevé de sûreté**

Si le débiteur est en défaut de paiement,

uberewemo umwenda afite uburengazira bwo kwishurwa hifashishijwe ingwate.

apply the collateral to the satisfaction of the obligation secured by the security interest if the debtor is in default.

le créancier garanti a droit de se faire rembourser sur le bien grevé de sûreté.

**Ingingo ya 17: Igurisha ry'ingwate**

**Article 17: Sale of collateral**

**Article 17: Mise en vente du bien grevé de sûreté.**

Uberewemo umwenda ufite uburenganzira bwo kwishurwa mbere y'abandi ashobora gufata ya ngwate akayigurisha iyo urimo umwenda atubahirije amasezerano y'ubugwate.

A secured creditor with priority over other secured creditors may take possession of and sell collateral when the debtor is in default under the security agreement.

Le créancier garanti qui a un droit de préférence sur tous les autres créanciers peut prendre le bien grevé de sûreté et le vendre si le débiteur ne s'exécute pas selon l'accord de garantie;

Muri icyo gihe Umwanditsi Mukuru niwe utanga icyemezo cyo kugurisha gihisha uberewemo umwenda ingwate n'ububasha bwo kuyigurisha.

In such a case, the Registrar General shall issue a certificate authorising possession and sale of the collateral by the secured creditor.

Dans ce cas, le Registraire Général délivre un certificat autorisant la prise de possession et la vente du bien grevé de sûreté par le créancier garanti.

Mu igurisha ry'ingwate uberewemo umwenda abyumvikanyeho n'urimo umwenda bashakisha igiciro gishoboka gikwiriye iyo ngwate.

In case of sale of collateral, the secured creditor in agreement with the debtor shall bear the duty to obtain the reasonable best price.

En cas de vente du bien grevé de sûreté, le créancier garanti en accord avec le débiteur, ont le devoir d'obtenir le meilleur prix raisonnable;

Ingwate ishobora kugurishwa inyuze mu cyamunara, irushanwa mu biciro rusange, igurishwa risanzwe, igurishwa mu bwumvikane cyangwa ubundi buryo banyuze impande zombi.

Collateral may be sold by public auction, public tender, ordinary sale, or another method to the satisfaction of both parties.

Le bien grevé de sûreté peut être vendu par voie de vente aux enchères, d'offre publique, de gré à gré, ou par toute autre voie qui convient aux deux parties.

Nyuma y'aho Umwanditsi Mukuru aboneye icyifuzo cy'impande zombi cyo kugurisha ingwate, ahita abikorera imenyeshagurisha rigira agaciro nyuma y'iminsi (10) y'akazi.

Upon receipt of the request for sale of collateral by both parties, the Registrar General shall, without delay, issue a notice of sale to be effective in ten (10)

A la réception de la demande des deux parties de mettre en vente le bien grevé de sûreté, le Registraire Général émet sans délai un avis de vente dont la validité

|                                                                                                                                                                                                                                |                                                                                                                                                                                                                                      |                                                                                                                                                                                                                                                         |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|                                                                                                                                                                                                                                | working days.                                                                                                                                                                                                                        | court après dix (10) jours ouvrables.                                                                                                                                                                                                                   |
| <b><u>Ingingo ya 18:</u> Uburenganzira bwo kongera kugura ingwate</b>                                                                                                                                                          | <b><u>Article 18:</u> Rights to redeem collateral</b>                                                                                                                                                                                | <b><u>Article 18:</u> Droits de rachat du bien grevé de sûreté</b>                                                                                                                                                                                      |
| Igihe icyo ari cyo cyose mbere y'uko uberewemo umwenda wishingiwe agurisha ingwate cyangwa ayikoresha mu kurangiza inshingano bamugomba, umuntu wese ugomba kubimenyeshwa ashobora kongera kugura ingwate mu buryo bukurikira: | At any time before the secured creditor sells the collateral or is deemed to have taken the collateral in satisfaction of the obligation secured by it, any person who is entitled to receive a notice may redeem the collateral by: | A tout moment avant que le créancier ne mette en vente le bien grevé de sûreté ou n'entre en possession de ce bien en recouvrement de l'obligation garantie, toute personne ayant droit de recevoir un avis peut racheter ce bien de la façon suivante: |
| 1° yemera kuzuza inshingano zose zishingiwe n'ingwate;                                                                                                                                                                         | 1° tendering fulfillment of the obligations secured by the collateral; and                                                                                                                                                           | 1° en acceptant de remplir les obligations garanties par ce bien grevé de sûreté ;                                                                                                                                                                      |
| 2° yemera kwishyura umubare w'amafaranga ungana n'ibyishyuwe ikiguzi cy'ifatira; mu kugaruza ingwate n'andi mafaranga yose yaba yarayitanzeho kugira ngo igurishwe;                                                            | 2° paying a sum equal to the reasonable expenses of seizing, and repossessing the collateral and any other reasonable expenses incurred by the secured creditor in enforcing the security agreement;                                 | 2° en payant un montant égal aux dépenses encourues pour la saisie du bien grevé de sûreté et toute autre dépense engagée par le créancier garanti dans la réalisation du contrat de garantie ;                                                         |
| Urimo umwenda afite uburenganzira bwo kongera kugura ingwate mbere y'abandi bose.                                                                                                                                              | The debtor's right to redeem the collateral has priority over any other person.                                                                                                                                                      | Le droit du débiteur de racheter le bien grevé de sûreté prime sur tous les droits d'autres personnes.                                                                                                                                                  |
| <b><u>Ingingo ya 19 :</u> Gusubira mu masezerano y'ubugwate</b>                                                                                                                                                                | <b><u>Article 19:</u> Reinstatement of security agreement</b>                                                                                                                                                                        | <b><u>Article 19:</u> Révision du contrat de garantie</b>                                                                                                                                                                                               |
| Igihe icyo aricyo cyose mbere y'uko uberewemo umwenda wishingiwe agurisha ingwate cyangwa ayikoresha ngo yiyishyure inshingano bamugombaga, urimo umwenda                                                                      | At any time before the secured creditor sells the collateral or is deemed to have taken the collateral in satisfaction of the obligation secured by it, the debtor may                                                               | A tout moment avant la mise en vente du bien grevé de sûreté par le créancier garanti ou avant que ce dernier n'entre en possession de ce bien en recouvrement de                                                                                       |

|                                                                                                                                                    |                                                                                                                                                                                       |                                                                                                                                                                                               |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| ashobora gusubira mu masezerano y'ubugwate mu buryo bukurikira:                                                                                    | reinstate the security agreement by:                                                                                                                                                  | l'obligation garantie, le débiteur peut réviser le contrat de garantie de la façon suivante:                                                                                                  |
| 1° kwishyura amafaranga y'ibirarane ;                                                                                                              | 1° paying the sums actually in arrears;                                                                                                                                               | 1° en remboursant tous les arriérés de paiement;                                                                                                                                              |
| 2° gukemura ikindi kibazo cyose cyatuma uberewemo umwenda wishingiwe ashaka kugurisha ingwate ;                                                    | 2° remedying any other default by reason of which the secured party intends to sell the collateral;                                                                                   | 2° en redressant toute situation qui a amené le créancier garanti à chercher à vendre le bien grevé de sûreté;                                                                                |
| 3° kwishyura umubare w'amafaranga ungana n'ikiguzi cy'ifatira, mu kugaruza ingwate n'andi mafaranga yose yaba yarayitanzweho kugira ngo igurishwe. | 3° paying a sum equal to expenses of seizing and repossessing the collateral, and any other reasonable expenses incurred by the secured creditor in enforcing the security agreement. | 3° en payant un montant égal aux dépenses encourues pour la saisie du bien grevé de sûreté et toute autre dépense encourue par le créancier garanti dans la réalisation du contrat de sûreté; |
| Icyakora uko gusubira mu masezerano y'ubugwate ntibushobora kurenga inshuro ebyiri.                                                                | In any case, the reinstatement of the security agreement can not exceed twice.                                                                                                        | Dans tous les cas, la révision du contrat de garantie ne peut se faire plus de deux fois.                                                                                                     |

**Ingingo ya 20: Kuregera urukiko**

Haramutse habaye itambamira iryo ariryo ryose mu bijyanye n'ikorwa ry'amasezerano y'ubugwate n'igurishwa ry'ingwate, ubifitemo inyungu yitabaza Inkiko zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 21 : Umwanditsi Mukuru ushinze iby'ingwate ku mutungo wimukanwa**

Umwanditsi Mukuru w'amasosiyete

**Article 20: Suing in court**

In case of any opposition regarding the creation and execution of the security agreement, the interested party shall sue in competent court.

**Article 21: Registrar General of security interests in movable property**

The Registrar General of Companies and

**Article 20: Saisine de la juridiction**

En cas de toute tierce opposition en rapport avec la conclusion du contrat de garantie et de la réalisation de la sûreté, la partie intéressée saisit la justice.

**Article 21: Registraire Général des sûretés mobilières**

Le Registraire Général des sociétés

|                                                                                                                                             |                                                                                                                       |                                                                                                                                                                        |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| n'ibikorwa by'ubucuruzi mu Rwanda, niwe mwanditsi mukuru w'ingwate ku mutungo wimukanwa uvugwa muri iri tegeko.                             | business activities in Rwanda shall also be the Registrar General of security interests in movable property.          | commerciales et des activités commerciales au Rwanda assure aussi les fonctions de Registraire Général des sûretés mobilières.                                         |
| Umwanditsi Mukuru, abinyujije mu nyandiko, ashobora guha undi muntu yagennye imwe mu mirimo ye, inshingano, n'ububasha ahabwa n'iri tegeko. | The Registrar General may delegate in writing to a designated person some of his/her powers and duties from this Law. | Le Registraire Général peut déléguer à toute personne qu'il désigne par écrit certains de ses attributions, pouvoirs et prérogatives lui reconnus par la présente loi. |
| <b><u>Ingingo ya 22: Igitabo cy'ingwate ku mutungo wimukanwa</u></b>                                                                        | <b><u>Article 22: Register of security interests in movable property</u></b>                                          | <b><u>Article 22: Registre des suretés mobilières</u></b>                                                                                                              |
| Igitabo cyandikwamo ubugwate ku mutungo wimukanwa kigomba kubikwa mu Rwanda mu biro by'Umwanditsi Mukuru.                                   | The Register of Security Interests in Movable Property must be kept in Rwanda at the Office of the Registrar General. | Le registre des suretés doit être gardé au Rwanda au bureau de l'Office du Registraire Général.                                                                        |
| Icyo gitabo kigomba kuba cyanditswe mu buryo bw'ikoranabuhanga no mu buryo bw'igitabo gisanzwe.                                             | The Register must be in electronic and in hardcopy.                                                                   | Ce registre doit être sous la forme électronique et sur papier.                                                                                                        |
| <b><u>Ingingo ya 23: Ibikubiye mu gitabo cy'ingwate ku mutungo wimukanwa</u></b>                                                            | <b><u>Article 23: Content of the Register of Security Interests in Movable Property</u></b>                           | <b><u>Article 23: Contenu du Registre des sûretés mobilières</u></b>                                                                                                   |
| Igitabo cy'ingwate ku mutungo wimukanwa gikubiyemo ibi bikurikira:                                                                          | The register of Security Interests in Movable Property shall contain the following data:                              | Le Registre des sûretés mobilières contient les données suivantes:                                                                                                     |
| 1° izina, umwirondoro, aderesi, aho urimo umwenda abarizwa n'umukono we;                                                                    | 1° the name, identification and address of the debtor and his/her signature;                                          | 1° le nom, l'identification et l'adresse du débiteur ainsi que sa signature,                                                                                           |

2° iyo ugomba kwishyura ari umuryango ufite ubuzimagatozi, izina wahawe hongewemo inomero iwuranga wahawe hamwe n'izina, umwirondoro n'umukono w'uwuhagarariye imbere y'amategeko;

2° if the debtor is an organization that is incorporated, the name and the unique number assigned to it on its incorporation, the name identification and the signature of its legal representative;

2° si le débiteur est une personne morale enregistrée, sa dénomination sociale, le numéro spécifique lui attribué lors de sa constitution ainsi que le nom, l'identification et la signature de son représentant légal;

3° imiterere y'ingwate n'ibiyiranga byose byemewe n'amategeko;

3° nature and description of the collateral as required by the law;

3° la nature et toute la description détaillée du bien grevé de sûreté telle que prévue par la loi ;

4° ibindi byose byakenerwa mu gutunganya iyandikishwa ry'ingwate bisabwe n'Umwanditsi Mukuru

4° any other data deemed necessary for the registration of the security interest as requested by the Register General.

4° toutes autres données nécessaires à l'enregistrement de la sûreté qui seraient exigées par le Registraire Général.

#### **Ingingo ya 24: Kwandikisha ubugwate**

#### **Article 24: Registration of the security interest**

#### **Article 24 : Enregistrement de la sûreté**

Byitwa ko ubugwate bwandikishijwe iyo umuntu gatozi cyangwa umuryango ufite ubuzima gatozi bamaze kwandikisha ingwate mu gitabo cy'ingwate ku Mwanditsi Mukuru kivugwa mu ngingo ya 22 y'iri tegeko, akanahabwa inomero .

There shall be registration of security interest after its recording at the Office of the Registrar General in the register of security interests mentioned in article 22 of this Law by a natural person or a company, and a number shall be given to that person or company.

Une sûreté est réputée inscrite après son introduction par une personne physique ou morale au registre des suretés à l'Office du Registraire Général mentionné à l'article 22 de la présente loi et qu'un numéro lui est attribué.

Iri yandikisha rikorwa n'utanze ingwate yerekanye icyemezo yishyuriyeho amafaranga yabugenewe kandi iyandikisha rikagaragaza itariki n'isaha byakoreweho.

The registration shall be effected by the debtor on presentation of receipt of payment of due fees and shall mention the date and time of registration.

L'enregistrement est effectué à la demande du débiteur sur présentation d'un reçu de paiement des frais requis et doit mentionner la date et l'heure de l'enregistrement.

Umwanditsi Mukuru agenera icyemezo

The Registrar General shall issue a

Le Registraire Général délivre un

cy'iyandikisha ry' ubugwate urimo umwenda akagera kopi uberwemo umwenda.

certificate of registration of security interest to the debtor and give a copy to the creditor.

certificat d'enregistrement de la sûreté au débiteur et en réserve copie au créancier.

Mu gihe habaye igihinduka mu byanditse mu gitabo cy'ingwate bimenyeshwa Umwanditsi Mukuru. Iryo hinduka ntirigira ingaruka ku itariki iyandikishwa ryakoreweho.

In case of any change in the data recorded in the Register, notice shall be made to the Registrar General. The date of registration shall not be affected by such changes.

En cas de changement de données introduites au registre, le Registraire Général doit en être avisé. De tels changements n'affectent pas la date d'enregistrement.

### **Ingingo ya 25: Igihe iyandikisha rimara**

### **Article 25: Duration of registration**

### **Article 25 : Durée de l'enregistrement**

Iyandikisha ry'ubugwate riba rifite agaciro uherye ku muni ryandikiweho:

The registration of a security interest shall be effective commencing on the day it is perfected:

L'enregistrement d'une sûreté est valide à partir du jour de son enregistrement :

1° kugeza igihe cyashyizwe mu masezerano;

1° until the expiration of the term specified in the contract;

1° jusqu'à la date d'expiration du terme mentionné dans le contrat;

2° ikindi gihe cyagenwa n'inyandiko y'ihindura ry'ubugwate ku bwumvikane bw'impane zombi.

2° any other term specified in the notice of change of the security interest agreement as agreed upon by both parties.

2° tout autre terme spécifié dans un avis de changement du contrat de garantie convenu par les deux parties.

### **Ingingo ya 26: Ihererekanya ry'ingwate**

### **Article 26: Transfer of security interest**

### **Article 26: Cession de sûreté**

Ihererekanya ry'ubugwate bwandikishije rishobora gukorwa ku bugwate bwose cyangwa ku gice cyabwo.

A registered security interest may be transferred in whole or in part.

Une sûreté enregistrée peut être cédée en intégralité ou partiellement;

Iryo hererekanya rigomba kwandikwa rigaragaza imiterere y'ibyahindutse ku bugwate igihe cyose bubayeho.

Such a transfer shall be registered describing changes made, if any, on the security interest.

Une telle cession est enregistrée en donnant une description des changements, s'il y en a, opérés sur la sûreté.

Uweguriwe ingwate muri icyo gihe ahita yandikwa mu gitabo cyabugenewe.

The name of transferee of a security interest shall be immediately recorded in the Register.

Le nom du cessionnaire de la sûreté est immédiatement inscrit au registre.

**Ingingo ya 27: Isubizwaho ry'iyandikisha**

**Article 27: Restoration of registration**

**Article 27: Rétablissement d'enregistrement**

Umwanditsi Mukuru ashobora gusubiza iyandikisha mu gitabo iyo abonye ko iryo yandikisha ryari ryarasibwe cyangwa ryarakuwe mu gitabo kubera kwibeshya kwe.

The Registrar General may restore a registration if it appears to the Registrar General that, due to a clerical error he/she made, the registration has been incorrectly discharged or removed from register.

Le Registrare Général peut rétablir un enregistrement quand il remarque qu'un tel enregistrement a été supprimé ou rayé du registre par erreur.

Iyandikisha risubijwe mu gitabo muri ubwo buryo rigomba gufatwa nk'aho ritigeze rita agaciro no muri icyo gihe cyose ryari ryarasibwe cyangwa ryarakuwe mu gitabo.

A registration so restored must be regarded as having continued in force throughout the period during which it was incorrectly discharged or removed as if it had not been so discharged or removed.

Un enregistrement ainsi rétabli doit être considéré comme ayant été valide tout au long de la période durant laquelle il aura été incorrectement supprimé ou rayé, comme s'il n'avait jamais été supprimé ou rayé.

**Ingingo ya 28: Gukura mu gitabo ibyanditse no gukosora amakosa cyangwa ibyibagiranye**

**Article 28: Removal of data from register and correction of errors and omissions**

**Article 28: Radiation de données du registre et correction d'erreurs et omissions**

Ibyanditswe mu iyandikisha bishobora kuvanwa mu gitabo:

Data in a registration may be removed from the register:

Les données d'enregistrement peuvent être rayées:

1° iyo iyandikisha ritagifite agaciro;

1° when the registration is no longer effective;

1° quand l'enregistrement n'est plus valide:

2° iyo handikishijwe imenyeshya rihindura risiba iyandikishwa cyangwa igice cyaryo;

2° on the registration of a change notice discharging or partially discharging the registration;

2° en cas d'enregistrement d'un avis de changement qui supprime intégralement ou partiellement

|                                                                                                                                                                                                    |                                                                                                                                                                                                                          |                                                                                                                                                                                                                           |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|                                                                                                                                                                                                    |                                                                                                                                                                                                                          | l'enregistrement;                                                                                                                                                                                                         |
| 3° iyo Umwanditsi Mukuru abonye ko ibyanditswe nta kamaro bifite.                                                                                                                                  | 3° if the Registrar is satisfied that the data is not important.                                                                                                                                                         | 3° quand le Registraire Général trouve que les données n'ont pas d'importance;                                                                                                                                            |
| Mu minsi icumi (10) uhereye ku muni yaboneyeho imenyesha, Umwanditsi Mukuru, mbere yo gufata icyemezo, agomba kubanza gusaba uberewemo umwenda kumusobanurira impamvu ibyanditswe bifite akamaro.  | The Registrar General must, before making a decision, give the secured creditor notice to show cause, within ten (10 ) days of the date on which the notice is given, why the data is important.                         | Avant qu'il ne prenne une décision, le Registraire Général doit demander au créancier garanti dans un délai de dix (10) jours à partir de la date à laquelle l'avis a été donné, de justifier le bien-fondé des données ; |
| Iyo uberewemo umwenda adahaye Umwanditsi Mukuru ibisobanuro bigaragaza ko ibyanditswe bifite akamaro mu gihe kitarenze iminsi icumi (10), Umwanditsi Mukuru afite ububasha bwo kubisiba mu gitabo. | If the secured creditor fails within ten (10) days to show cause to the Registrar General's satisfaction why the data is important, the Registrar General may, in his/her discretion, remove the data from the register. | Si le créancier garanti ne justifie pas le bien fondé des données dans un délai de dix (10) jours, le Registraire Général peut, dans son pouvoir discrétionnaire, rayer du registre ces données.                          |
| Uberewemo umwenda ashobora kwitabaza urukiko kugira ngo rutegeke Umwanditsi Mukuru gusubiza mu gitabo ibyanditswe yari yakuyemo amaze kurugaragariza ko bifite akamaro.                            | The court may, on application by a secured creditor, compel the Register General to restore data in the register if it is satisfied that the data is important.                                                          | La juridiction peut, sur demande du créancier garanti qui lui a prouvé le bien-fondé des données, enjoindre le Registraire Général de les rétablir au registre.                                                           |
| Icyo gihe, Umwanditsi Mukuru asubiza mu gitabo ibyari byanditswemo nta mafaranga yatse.                                                                                                            | In that case, the Registrar must restore the data to the register free of charge.                                                                                                                                        | Dans ce cas, le Registraire doit rétablir les données sans frais requis.                                                                                                                                                  |
| Amaze kubyemeranyaho n'impane zombi, Umwanditsi Mukuru ashobora gukosora amakosa y'imyandikire yakozwe cyangwa ibyibagiranye yakoze igihe cy'iyandikisha.                                          | With the consent of both parties, the Register General may correct clerical error or omissions made by the Register in a registration.                                                                                   | Sur accord des deux parties, le Registraire Général peut corriger les erreurs ou omissions commises au moment de l'enregistrement.                                                                                        |

Iri kosora rikorwa hakurikijwe ibyumvikanyweho n'impane zombi zakoze amasezerano y'ubugwate.

Such corrections shall be made as agreed upon by both parties to the security interest agreement.

De telles corrections sont faites comme convenu par les deux parties au contrat de garantie.

**Ingingo ya 29: Gusoma ibyanditse mu gitabo cyagenewe iyandikwa ry'ubugwate**

**Article 29: Searches of register**

**Article 29: Consultation de registre**

Nk'uko biteganywa n'iri tegeko umuntu afite uburenganzira bwo gusoma ibyanditse mu gitabo cyagenewe kwandikwamo ubugwate, ndetse agahabwa kopi y'ibyo ashaka yabonyemo.

In accordance with this Law, a person has the right to search the register, and obtain a printed search result.

En vertu de la présente loi, toute personne a le droit de consulter le registre et en obtenir une copie imprimée des résultats obtenus.

Gusoma igitabo cyagenewe kwandikwamo ubugwate bikorwa kuri ibi bikurikira:

The register may be searched only by reference to the following criteria:

Le registre peut être consulté en ce qui concerne les points suivants:

- 1° amazina y'ubereyemo undi umwenda;
- 2° numero yahawe ikintu cyatanze ubugwate, iyo itegeko cyangwa amabwiriza biteganywa ko icyo kintu kigomba guhabwa numero yo kwandikwa;
- 3° numero yahawe iyandikwa ry'ubugwate;
- 4° ikindi kirango giteganywa n'amategeko.

- 1° the name of the debtor;
- 2° the unique number assigned to the collateral when the law or regulations so provide;
- 3° the registration number of the security interest;
- 4° any other criteria specified by the law.

- 1° le nom du débiteur ;
- 2° le numéro spécifique attribué au bien grevé de sûreté quand la loi le requiert ainsi ;
- 3° le numéro d'enregistrement de la sûreté;
- 4° tout autre critère spécifié par la loi.

**Ingingo ya 30 : Ibigomba kuba bigamijwe n'usaba gusoma igitabo cyandikwamo ubugwate**

**Article 30: Purpose of the person requesting search of the register.**

**Article 30: Objectifs de la personne demandant la consultation du registre des sûretés**

Abantu bafite uburenganzira bwo gusoma igitabo cyagenewe kwandikwamo ubugwate bagomba kuba bagamije kimwe muri ibi bikurikira:

The persons who are entitled to search the register must have one of the following purposes:

Les personnes autorisées à consulter le registre des sûretés doivent avoir un des objectifs suivants:

1° kugaragaza ko hari aho ubereyemo undi umwenda cyangwa uwahawe ingwate baturira n'ubugwate bwanditse mu gitabo;

2° kumenya niba nta mpamvu zatambamira ko icyo kintu gitangwa cyangwa kidatangwaho ubugwate;

3° kumenya niba umuntu cyangwa isosiyete yanditse mu bugwate bwandikishijwe cyangwa undi wese ubufitemo inyungu yababwaga inguzanyo; kumenya kandi ko ubugwate ku kintu cyimukanwa cyatanzwe na we cyangwa niyo sosiyete byagira agaciro;

4° kureba niba ashobora gushora cyangwa gufatanya mu ishoramari n'undi muntu, isosiyete cyangwa indi sosiyete bifitanye isano byanditse mu gitabo cy'ubugwate;

5° kumenya amakuru iyo ari umucungamutungo w'isosiyete iri mu nzira y'iseswa n'undi wese amategako yemerera iyo agaragaje ko amakuru akeneye mu gitabo cyandikwamo ubugwate hari aho ahuriye n'imirimo yahawe.

1° establishing that there is any relation between the secured creditor or the debtor with the security interest;

2° establishing whether there is any reason which may lead to opposition to give the property in security interest;

3° establishing whether to provide credit to the person, company or any person who has interest in the guarantee; and establishing whether that security interest in the movable property availed by that person or company shall be valid;

4° establishing whether to invest in or with the person or company or related company registered in the register of security in movable property;

5° collecting information in case of an insolvency administrator and any other authorized person upon proving that the needed information from the register is related to the work he/she has been assigned.

1° établir qu'il y a une relation entre le débiteur ou le créancier garanti et la sûreté inscrite au registre;

2° établir s'il n'y a pas d'obstacle à grever ce bien de sûreté;

3° établir la possibilité d'octroi de crédit à une personne ou une société inscrite au registre ou toute autre personne qui a intérêt dans la sûreté et établir si la garantie que cette personne ou société pourrait donner serait valide;

4° établir la possibilité d'investissement dans ou avec une personne ou une société ou une société apparentée inscrite au registre des sûretés mobilières;

5° collecter des informations si c'est un administrateur d'une société en liquidation ou toute autre personne autorisée par la loi quand elle justifie que les données dont elle a besoin au registre des sûretés sont en rapport avec les fonctions lui confiées.

|                             |                         |                            |                        |                                           |
|-----------------------------|-------------------------|----------------------------|------------------------|-------------------------------------------|
| <b><u>UMUTWE WA VI:</u></b> | <b><u>INDISHYI</u></b>  | <b><u>CHAPTER VI:</u></b>  | <b><u>DAMAGES,</u></b> | <b><u>CHAPITRE VI: DOMMAGES ET</u></b>    |
| <b><u>Z'AKABABARO,</u></b>  | <b><u>GUTANGA</u></b>   | <b><u>INFORMATION,</u></b> | <b><u>NOTICES,</u></b> | <b><u>INTERETS, INFORMATION, AVIS</u></b> |
| <b><u>AMAKURU,</u></b>      | <b><u>IMENYESHA</u></b> | <b><u>REGULATIONS</u></b>  |                        | <b><u>ET REGLEMENTS</u></b>               |
| <b><u>N'AMABWIRIZA</u></b>  |                         |                            |                        |                                           |

**Ingingo ya 31:** Ibyerekeye indishyi z'akababaro

Umuntu wese utuzuza inshingano asabwa ziteganijwe muri iri tegeko, ategukwa gutanga indishyi z'akababaro zihabwa umuntu wagaragaje igihombo yatewe nuko kutubahiriza inshingano.

Icyakora indishyi z'akababaro zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntizisimbura ubundi buryozwe.

**Ingingo ya 32:** Amabwiriza

Umwanditsi Mukuru akena uburyo ibyerekeye iyandikisha n'icungwa ry'igitabo cy'ingwate bikorwamo.

**Article 31:** Damages

Any person who fails to discharge any duty or obligation imposed by this Law, shall pay damages to the person who incurred a loss resulting from that failure.

However, damages provided for in paragraph one of this Article shall not limit or affect any other liability.

**Article 32:** Regulations

The Registrar General shall determine modalities of registration and keeping the register of security interests in movable property.

**Article 31:** Dommages et intérêts

Toute personne qui ne remplit pas son obligation prévue par la présente loi doit payer les dommages et intérêts à la personne qui prouve qu'elle en a subi un préjudice.

Toutefois, les dommages prévus au premier alinéa du présent article n'affectent en rien toute autre responsabilité.

**Article 32:** Règlements

Le Registraire Général détermine les modalités d'enregistrement et de conservation du registre des sûretés mobilières.

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 33: Igihe cy'inizibacyuho**

Ubugwate bwari busanzwe buriho kandi bwandikishije mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa buzakomeza kugira agaciro kabwo kose mu ngingo z'amasezerano yabwo yose mu gihe cy'imyaka ibiri (2).

**Ingingo ya 34: Itegurwa n'isuzumwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 35: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo cyane cyane itegeko ryo kuwa 12 Mutarama 1920 ryerekeye ubugwate ku bicuruzwa no ku nyandiko nyemezabuguzi n'itegeko ryo kuwa 28 Nyakanga 1934 ryerekeye inyandiko mvunjwafaranga, zivanyweho.

**CHAPTER VII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 33: Transitional period**

All prior security interests that have been registered before the commencement of this Law shall continue to be effective in their entirety for a transitional period of two (2) years.

**Article 34: Drafting and consideration of this Law**

This Law was drafted in English and considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 35: Repealing of inconsistent provisions**

**The Decree of 12 January 1920 on security interests in business and commercial invoices and the Decree of 28 July 1934 on bill of exchange, promissory note and protest, and all prior provisions contrary to this Law especially are hereby repealed.**

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 33: Période transitoire**

Toutes les sûretés qui ont été enregistrées avant l'entrée en vigueur de la présente loi restent valides en intégralité pour une période de deux (2) ans.

**Article 34: Elaboration et examen de la présente loi**

La présente loi a été élaborée en anglais; examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 35 : Disposition abrogatoire**

Le Décret du 12 janvier 1920 relatif au gage du fonds de commerce, de l'escompte et gage de la facture commerciale et le Décret du 28 juillet 1934 relatif à la lettre de change, billet à ordre et protêt, ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogés.

**Article 36: Entrée en vigueur**

**Ingingo ya 36: Igihe itegeko ritangirira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 14/05/2009

Perezida wa Repubulika  
**KAGAME Paul**  
(sé)

Minisitiri w'Intebe  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

**Article 36: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 14/05/2009

The President of the Republic  
**KAGAME Paul**  
(sé)

The Prime Minister  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

The Minister of Justice/Attorney General  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 14/05/2009

Le Président de la République  
**KAGAME Paul**  
(sé)

Le Premier Ministre  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)